

| | | |
|---|---|---|
| <p>AMABWIRIZA RUSANGE N° 001/CMA/2023 YO KU WA 29/03/2023 AGENA IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI BIHABWA IKIGO CY'IMARI KITUBAHIRIZA IBISABWA MU GUKUMIRA NO GUHANA IYEZANDONKE, GUTERA INKUNGA ITERABWOBA NO GUTERA INKUNGA IKWIRAKWIZA RY'INTWARO ZA KIRIMBUZI</p> | <p>REGULATIONS N° 001/CMA/2023 OF 29/03/2023 DETERMINING ADMINISTRATIVE SANCTIONS APPLICABLE TO FINANCIAL INSTITUTION FOR NON-COMPLIANCE WITH THE PREVENTION OF MONEY LAUNDERING, FINANCING TERRORISM AND FINANCING OF PROLIFERATION OF WEAPONS OF MASS DESTRUCTION REQUIREMENTS</p> | <p>RÈGLEMENT N° 001/CMA/2023 DU 29/03/2023 DÉTERMINANT LES SANCTIONS ADMINISTRATIVES APPLICABLES A UNE INSTITUTION FINANCIERE EN CAS DE NON-CONFORMITÉ AUX EXIGENCES EN MATIÈRE DE PRÉVENTION DU BLANCHIMENT D'ARGENT, DE FINANCEMENT DU TERRORISME ET DE FINANCEMENT DE LA PROLIFÉRATION D'ARMES DE DESTRUCTION MASSIVE</p> |
| <p><u>ISHAKIRO</u></p> | <p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p> | <p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p> |
| <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> | <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> | <p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> |
| <p><u>Ingingo ya mberere: Icyo aya mabwiriza rusange agamije</u></p> | <p><u>Article one: Purpose of this regulation</u></p> | <p><u>Article premier : Objet du présent règlement</u></p> |
| <p><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></p> | <p><u>Article 2: Interpretation</u></p> | <p><u>Article 2 : Interprétation</u></p> |
| <p><u>Ingingo ya 3: Abarebwa n'aya mabwiriza rusange</u></p> | <p><u>Article 3: Applicability of these regulations</u></p> | <p><u>Article 3 : Applicabilité de ce règlement</u></p> |
| <p><u>UMUTWE WA II: IBIHANO</u></p> | <p><u>CHAPTER II: SANCTIONS</u></p> | <p><u>CHAPITRE II : SANCTIONS</u></p> |
| <p><u>Ingingo ya 4: Kugena ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi</u></p> | <p><u>Article 4: Determination of administrative sanctions</u></p> | <p><u>Article 4 : Détermination des sanctions administratives</u></p> |

| | | |
|---|--|---|
| <u>Ingingo ya 5:</u> Ibyitabwaho mu kugena ibihano | <u>Article 5:</u> Consideration in determining sanctions | <u>Article 5</u> : Considération dans la détermination des sanctions |
| <u>Ingingo ya 6:</u> Ibyiciro by'ibigo by'imari | <u>Article 6:</u> Categories of financial institution | <u>Article 6</u> : Catégories d'institutions financières |
| <u>Ingingo ya 7:</u> Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa ikigo cy'imari | <u>Article 7:</u> Administrative sanctions against a financial institution | <u>Article 7</u> : Sanctions administratives à l'encontre d'une institution financière |
| <u>Ingingo ya 8:</u> Ibihano bihabwa abagize Inama y'ubutegetsi n'Abayobozi bakuru | <u>Article 8:</u> Sanctions against members of the Board of Directors and Senior Managers | <u>Article 8</u> : Sanctions contre les membres du conseil d'administration et les cadres supérieurs |
| <u>Ingingo ya 9:</u> Kugaragaza amakosa | <u>Article 9:</u> Disclosure of violations | <u>Article 9</u> : Divulgence des violations |
| <u>Ingingo ya 10:</u> Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi | <u>Article 10:</u> Administrative fines | <u>Article 10</u> : Amendes administratives |
| <u>Ingingo ya 11:</u> Kujuririra igihano | <u>Article 11:</u> Appeal against a sanction | <u>Article 11</u> : Recours contre une sanction |
| <u>Ingingo ya 12:</u> Kwishyuzwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi | <u>Article 12:</u> Recovery of the administrative fine | <u>Article 12</u> : Recouvrement de l'amende administrative |
| UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA | CHAPTER III: FINAL PROVISIONS | CHAPITRE III : DISPOSITIONS FINALES |
| <u>Ingingo ya 13:</u> Ingingo ivanaho | <u>Article 13:</u> Repealing provision | <u>Article 13</u> : Disposition abrogatoire |
| <u>Ingingo ya 14:</u> Ingingo y'ururimi | <u>Article 14:</u> Language provision | <u>Article 14</u> : Disposition linguistique |
| <u>Ingingo ya 15:</u> Gutangira gukurikizwa | <u>Article 15:</u> Entry into force | <u>Article 15</u> : Entrée en vigueur |

| | | |
|---|---|---|
| <p>AMABWIRIZA RUSANGE N° 001/CMA/2023 YO KU WA 29/03/2023 AGENA IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI BIHABWA IKIGO CY'IMARI KITUBAHIRIZA IBISABWA MU GUKUMIRA NO GUHANA IYEZANDONKE, GUTERA INKUNGA ITERABWOBA NO GUTERA INKUNGA IKWIRAKWIZA RY'INTWARO ZA KIRIMBUZI</p> | <p>REGULATIONS N° 001/CMA/2023 OF 29/03/2023 DETERMINING ADMINISTRATIVE SANCTIONS APPLICABLE TO FINANCIAL INSTITUTION FOR NON-COMPLIANCE WITH THE PREVENTION OF MONEY LAUNDERING, FINANCING TERRORISM AND FINANCING OF PROLIFERATION OF WEAPONS OF MASS DESTRUCTION REQUIREMENTS</p> | <p>RÈGLEMENT N° 001/CMA/2023 DU 29/03/2023 DÉTERMINANT LES SANCTIONS ADMINISTRATIVES APPLICABLES A UNE INSTITUTION FINANCIERE EN CAS DE NON-CONFORMITÉ AUX EXIGENCES EN MATIÈRE DE PRÉVENTION DU BLANCHIMENT D'ARGENT, DE FINANCEMENT DU TERRORISME ET DE FINANCEMENT DE LA PROLIFÉRATION D'ARMES DE DESTRUCTION MASSIVE</p> |
| <p>Rushingiye ku Itegeko N° 057/2021 bis ryo ku wa 18/09/2021 rishyiraho Urwego rw'u Rwanda rushinzwe isoko ry'imari n'imigabane, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 7 n'ya 9;</p> | <p>Pursuant to the Law N° 057/2021 bis of 18/09/2021 establishing the Capital Market Authority of Rwanda, especially in articles 7 and 9;</p> | <p>Vu la loi N° 057/2021 bis du 18/09/2021 portant création de l'Autorité des Marchés de Capitaux du Rwanda, spécialement en ses articles 7 et 9 ;</p> |
| <p>Rushingiye ku Itegeko N° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;</p> | <p>Pursuant to the Law N° 01/2011 of 10/02/2011 regulating Capital Market in Rwanda as modified to date;</p> | <p>Vu la loi N° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour ;</p> |
| <p>Rushingiye ku Itegeko N° 062/2021 ryo ku wa 4/10/2021 rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyize hamwe;</p> | <p>Pursuant to the Law N° 062/2021 of 14/10/2021 governing Collective Investment Schemes;</p> | <p>Vu la loi N° 062/2021 du 14/10/2021 régissant les fonds d'investissement collectif</p> |
| <p>Rushingiye ku Itegeko N° 75/2019 ryo ku wa 29/01/2020 rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za</p> | <p>Pursuant to Law N° 75/2019 of 29/01/2020 on prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of Proliferation of weapons of mass</p> | <p>Vu la loi N° 75/2019 du 29/01/2020 portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de</p> |

| | | |
|---|--|--|
| <p>kirimbuzi, nk’uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 26;</p> <p>Urwego rushinzwe isoko ry’imari n’imigabane, rwitwa “URWEGO” muri aya mabwiriza, rushyizeho amabwiriza rusange akurikira:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza rusange agamije</u></p> <p>Aya mabwiriza rusange akena ibihano byo mu rwego rw’ubutegetsi bihabwa ikigo cy’imari, abagize inama y’ubutegetsi yacyo n’abayobozi bakuru bacyo kubera ibyo batubahiririje bivugwa muri aya mabwiriza rusange.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></p> <p>Muri aya mabwiriza rusange, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>(a) “Anti-money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction” bivuga bivuga kurwanya iyezandonke, gutera inkunga</p> | <p>destruction, as modified to date, especially in Article 26;</p> <p>The Capital Market Authority hereinafter referred to as the “AUTHORITY”, issues the following regulations:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article one: Purpose of this regulation</u></p> <p>These regulations determine administrative sanctions applicable to a financial institution, its board members and its senior managers for violations defined in these regulations.</p> <p><u>Article 2: Interpretation</u></p> <p>In these regulations, the following words and expressions shall mean:</p> <p>(a) “AML/CFT” means anti-money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction;</p> | <p>destruction massive, telle que modifiée a ce jour, spécialement en son article 26;</p> <p>L’Autorité du Marché des Capitaux, ci-après dénommée « AUTORITÉ », émet le règlement suivant :</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier : Objet du présent règlement</u></p> <p>Le présent règlement détermine les sanctions administratives applicables aux institutions financières, aux membres de leur conseil d’administration et aux cadres supérieurs pour les infractions définies dans le présent règlement.</p> <p><u>Article 2 : Interprétation</u></p> <p>Dans le présent règlement, les mots et expressions suivants auront une interprétation suivante :</p> <p>(a) “AML/CFT” est une abréviation anglaise qui signifie lutte contre le blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive.</p> |
|---|--|--|

| | | |
|---|--|--|
| <p>iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi;</p> <p>(b) “Nyir’umutungo nyawe” bivuga umuntu ku giti cye utunze ku buryo nyakuri cyangwa se ugenzura umukiriya cyangwa undi muntu wese igikorwa cyakorewe. Harimo kandi abantu bagenzura by’ukuri umuryango ufite ubuzimazigatozi cyangwa undi muryango ushingiyeye ku masezerano;</p> <p>(c) “Ikigo gifite ubuzima gatozi” bivuga ikigo gifite ubuzima gatozi cyashinzwe hakurikijwe amategeko atari ay’u Rwanda;</p> <p>(d) “CDD” ni impine y’icyongereza ivuga kumenya neza umukiriya;</p> <p>(e) “CMA” ni impine y’icyongereza ivuga Urwego rw’u Rwanda rushinzwe isoko ry’imari n’imigabane;</p> <p>(f) “ikigega cy’ishoramari cy’abishyizehamwe” bivuga ubwoko bw’ikigega gishingiyeye ku masezerano yo gukusanya no gushyira hamwe amafaranga y’abashoramari cyangwa ay’abagifitemo uruhare kugira ngo</p> | <p>(b) “Beneficial owner” means a natural person who ultimately owns or controls a customer or the natural person on whose behalf a transaction is being conducted. It also includes those persons who exercise ultimate effective control over a legal person or legal arrangement;</p> <p>(c) “Body corporate” means a body corporate constituted under the law of a country or territory other than Rwanda;</p> <p>(d) “CDD” means customer due diligence;</p> <p>(e) “CMA” means Capital Market Authority of Rwanda;</p> <p>(f) “Collective Investment Scheme (CIS)” means a type of scheme where there is an arrangement for collecting and pooling funds from investors or participants for the purpose of investment in the interest of each</p> | <p>(b) “Bénéficiaire effectif” désigne la personne physique qui possède ou contrôle en définitive un client ou la personne physique pour le compte de laquelle une transaction est effectuée. Cela inclut également les personnes qui exercent un contrôle ultime effectif sur une personne morale ou une construction juridique;</p> <p>(c) “Personne morale” désigne une personne morale constituée en vertu de la loi d’un pays ou d’un territoire autre que le Rwanda ;</p> <p>(d) “CDD” est une abréviation anglaise signifiant vigilance à l’égard de la clientèle ;</p> <p>(e) “CMA” désigne L’Autorité des Marchés de Capitaux du Rwanda</p> <p>(f) “Fonds d’investissement collectif” désigne un type de fonds dans lequel il existe un accord de collecte et de mise en commun de fonds d’investisseurs ou de participants à des fins d’investissement dans l’intérêt de chaque</p> |
|---|--|--|

| | | |
|--|--|---|
| <p>hakorwe ishoramari rigamije inyungu kuri buri wese cyangwa umushoramari uhagarariwe muri icyo kigega hashingiwe ku ngano y'imigabane afitemo;</p> <p>(g) “Umuyobozi”, mu birebana n'ikigo gifite ubuzima gatozi, bivuga umuntu ugifitemo umwanya w'ubuyobozi bijyanye nawe (uko yakwitwa kose) ndetse n'undi muntu wese utanga amabwiriza (atari inama itangwa mu by'akazi) akunda gukurikizwa n'abayobozi b'icyo kigo;</p> <p>(h) “FIC” bivuga Urwego Rushinzwe Ubutasi ku Mari;</p> <p>(i) “Ikigo cy'imari” bivuga Ikigo ari cyo cyose cyemewe cyangwa cyahawe uruhushya n'Urwego rushinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane gukora ibikorwa by'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane harimo Banki z'Ishoramari, Abacunga ishoramari/amafaranga, Abarinzi, Abahuza mu isoko ry'imari n'imigabane, n'ibindi bigo byahawe ibyemezo cyangwa byemerewe na CMA;</p> | <p>participant or investor represented by his or her proportional ownership in the scheme;</p> <p>(g) “Director”, in relation to a body corporate, means a person occupying in relation to it the position of a director (by whatever name called) and any person in accordance with whose directions or instructions (not being advice given in a professional capacity) the directors of that body are accustomed to act;</p> <p>(h) “FIC” means the Financial Intelligence Centre;</p> <p>(i) “Financial Institution” means any institution approved or licensed by the Capital Market Authority to conduct capital market business notably Investment Banks, Investment/Fund Managers, Custodians, Stock Brokers and other capital market intermediaries licensed by the CMA;</p> | <p>participant ou investisseur représenté au prorata de sa participation dans le fonds ;</p> <p>(g) “Administrateur”, par rapport à une personne morale, désigne une personne occupant par rapport à celle-ci la fonction d'administrateur (quel que soit le nom qu'on lui donne) et toute autre personne dont les directives ou instructions (qui ne sont pas des conseils donnés à titre professionnel) sont ont l'habitude suivies par les administrateurs de cette personne morale;</p> <p>(h) “FIC” désigne Centre de renseignement financier ;</p> <p>(i) “Institution Financière” désigne toute institution agréée ou autorisée par l'Autorité des Marchés de Capitaux à effectuer des activités du marché des capitaux notamment les banques d'investissement ; Gestionnaires d'Investissement/de fonds ; Gardiens, courtiers en titres et autres intermédiaires des marchés des capitaux agréés par le CMA;</p> |
|--|--|---|

| | | |
|---|---|---|
| <p>(j) “gutera inkunga ikwirakwiza ry’intwaro za kirimbuzi” bivuga:</p> <p>(i) gutanga umutungo cyangwa amafaranga wo gukora, gutunga, kugura, kubika, gutunganya, kohereza, gucuruza, kugemura, guhererekanya, gutumiza mu mahanga, kohereza mu mahanga, kwikorera cyangwa gukoresha intwaro zihumanya, iz’uburozi, izica ibinyabuzima, n’ibindi bikoresho byateganywa, bifitanye isano n’izo ntwaro;</p> <p>(ii) gutanga amahugurwa ya tekini, umutungo, serivisi mu by’imari, inama, serivisi, ubuhuza cyangwa inkunga bifitanye isano n’ibikorwa bivugwa mu gace ka (i);</p> <p>(k) “gutera inkunga iterabwoba” bivuga:</p> <p>(i) igikorwa cy’umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzima gatozi, utanga, ukusanya cyangwa ucunga, cyangwa ubigerageza, akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose, umutungo cyangwa amafaranga bifite inkomoko</p> | <p>(j) “financing of the proliferation of weapons of mass destruction” means:</p> <p>(i) providing property or funds for the manufacture, production, possession, acquisition, stockpiling, development, transportation, sale, supply, transfer, import, export, transshipment or use of nuclear weapons, chemical weapons, biological weapons and such other materials, as may be prescribed, which are related to such weapons;</p> <p>(ii) providing technical training, property or funds, financial service, advice, service, brokering or assistance related to any of the activities specified under item (i);</p> <p>(k) “financing of terrorism” means:</p> <p>(i) an act committed by a natural or legal person who by any means provides, collects or manages any property or funds whether from legitimate or illegitimate source, directly or indirectly, or attempts to do so, with the intention that they</p> | <p>(j) “financement de la prolifération des armes de destruction massive” désigne:</p> <p>(i) fourniture des biens ou fonds pour fabrication, production, possession, acquisition, stockage, développement, transport, vente, fourniture, transfert, importation, exportation, transbordement ou utilisation des armes nucléaires, chimiques, biologiques et autres matériels, selon le cas, prescrites, qui sont liées aux armes nucléaires, chimiques ou biologiques;</p> <p>(ii) fourniture d’une formation technique, des biens ou fonds, d’un service financier, d’un conseil, d’un service, d’un courtage ou d’une assistance relative à l’une des activités spécifiées au point (i);</p> <p>(k) “financement du terrorisme” désigne:</p> <p>(i) un acte commis par une personne physique ou morale qui, par quelque moyen que ce soit, fournit, collecte ou gère des biens ou des fonds provenant d’une source légitime ou illégitime, directement ou indirectement, ou tente de le faire,</p> |
|---|---|---|

| | | |
|---|---|--|
| <p>yemewe cyangwa itemewe n'amategeko, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, agamije kubikoresha cyangwa azi ko bizakoreshwa, byaba byose cyangwa igice cyabyo, igikorwa cy'iterabwoba ; cyangwa bizakoreshwa n'umuterabwoba cyangwa umuryango w'iterabwoba ;</p> <p>(ii) gutanga inama, gutera inkunga y'inyigisho cyangwa amahugurwa hagamijwe gutanga ubushobozi n'ubumenyi azi ko bishobora cyangwa bigamije gukoreshwa mu gikorwa cy'iterabwoba no mu gufasha abantu kujya mu bihugu bitari ibyaho cyangwa bitari ibyo babamo bagamije gukora cyangwa gutegura ibikorwa by'iterabwoba cyangwa kubigiramo uruhare cyangwa gutanga cyangwa guhabwa amahugurwa yerekeye iterabwoba;</p> <p>(l) “PEP” ni impine y'icyongereza ivuga abantu bagaragara mu rwego rwa politiki ;</p> <p>(m)“Umuyobozi Mukuru”: abayobozi bo mu rwego rwo hejuru cyangwa umuyobozi w'ingenzi mu Ikigo cy'imari. Abo barimo :</p> | <p>should be used or in the knowledge that they are to be used in whole or in part to carry out a terrorist act; or by a terrorist or by a terrorist organization;</p> <p>(ii) offering advice, financing of teaching or training in order to acquire skills and knowledge knowing that they may be used, or intended to be used for terrorism act and the financing of travelling of individuals who travel to States other than their States or their States of residence for the purpose of the perpetration, planning or preparation of, or participation in terrorist acts, or the providing or receiving of terrorist training;</p> <p>(l) “PEP” means Politically Exposed Persons;</p> <p>(m)“Senior Manager”: the high-level management personnel or key executive of the financial institution. These include:</p> | <p>dans l'intention de les utiliser ou en sachant qu'ils seront utilisés en tout ou en partie pour réaliser un acte terroriste ; ou par un terroriste ou par une organisation terroriste ;</p> <p>(ii) l'offre de conseils, le financement de l'enseignement ou de la formation en vue d'acquérir des compétences et des connaissances en sachant qu'elles peuvent être utilisées ou destinées à être utilisées pour un acte terroriste et le financement du voyage d'individus qui se rendent dans des États autres que leur État ou leur État de résidence dans le but de perpétrer, de planifier ou de préparer des actes terroristes ou d'y participer, ou de fournir ou de recevoir une formation terroriste ;</p> <p>(l) “PEP” désigne personnes politiquement exposées;</p> <p>(m) “Cadre supérieur”: le personnel de direction de haut niveau ou le cadre clé de l'institution financière. Il s'agit notamment du:</p> |
|---|---|--|

| | | |
|--|--|---|
| <p>(i) Umuyobozi Mukuru w’Ikigo ;</p> <p>(ii) Umuyobozi Mukuru uha raporo Inama y’Ubutegezi cyangwa Komite zayo;</p> <p>(iii)Umuyobozi Mukuru uha raporo Umuyobozi Mukuru w’Ikigo.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Abarebwa n’aya mabwiriza rusange</u></p> <p>Aya mabwiriza rusange areba ibigo by’imari byemewe cyangwa byahawe uruhushya kandi bikagenzurwa n’Urwego rushinzwe Isoko ry’Imari n’Imigabane (CMA).</p> <p><u>UMUTWE WA II: IBIHANO</u></p> <p><u>Ingingo ya 4: Kugena ibihano byo mu rwego rw’ubutegezi</u></p> <p>Ibihano byo mu rwego rw’ubutegezi bitangwa hashingiwe:</p> <p>(1) ku bugenzuzi bwakorewe ikigo cy’imari no ku iyubahirizwa ry’inama z’Urwego rushinzwe isoko ry’imari n’imigabane;</p> <p>(2) cyangwa ku nama zatanzwe n’urwego bireba.</p> | <p>(i) Chief Executive Officer (CEO);</p> <p>(ii) Senior executive reporting to the Board of Directors or its Board Committees; and</p> <p>(iii)Senior executive reporting to the Chief Executive Officer (CEO).</p> <p><u>Article 3: Applicability of these regulations</u></p> <p>These regulations are applicable to financial institutions licensed and supervised by the Capital Market Authority (CMA).</p> <p><u>CHAPTER II: SANCTIONS</u></p> <p><u>Article 4: Determination of administrative sanctions</u></p> <p>The administrative sanctions shall be imposed upon:</p> <p>(1) inspection of the financial institution and observance of recommendations by the Capital Market Authority; or</p> <p>(2) recommendation of the relevant authority;</p> | <p>(i) Directeur général (DG);</p> <p>(ii) Cadre supérieur qui rend compte au Conseil d'administration ou à ses comités; et</p> <p>(iii)Cadre supérieur qui rend compte au Directeur général (DG).</p> <p><u>Article 3 : Applicabilité de ce règlement</u></p> <p>Le présent règlement s'applique aux institutions financières agréées et supervisées par l'Autorité du marché des capitaux (CMA).</p> <p><u>CHAPITRE II : SANCTIONS</u></p> <p><u>Article 4 : Détermination des sanctions administratives</u></p> <p>Les sanctions administratives sont imposées sur base de :</p> <p>(1) l’inspection d’une institution financière et le respect des recommandations de l'Autorité du Marché des Capitaux ; ou</p> <p>(2) recommandation de l'autorité compétente;</p> |
|--|--|---|

| | | |
|---|--|---|
| <p><u>Ingingo ya 5: Ibyitabwaho mu kugena ibihano</u></p> <p>Ibihano bivugwa muri aya mabwiriza rusange byita kuri ibi bikurikira:</p> <p>(a) icyiciro n'ingano by'ikigo cy'imari bireba;</p> <p>(b) ingorane z'ikigo cy'imari ku byerekeye iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi;</p> <p>(c) uburemere bw'ikosa ryo kutubahiriza amategeko n'amabwiriza n'ingaruka zishobora kuba ku rwego rw'isoko ry'imari n'imigabane kubera iryo kosa.</p> | <p><u>Article 5: Consideration in determining sanctions</u></p> <p>Sanctions provided in this regulation take into consideration of the following:</p> <p>(a) the category and size of the financial institution in question;</p> <p>(b) financial institution's risk of money laundering, financing of terrorism and financing the proliferation of weapons of mass destruction;</p> <p>(c) the seriousness of the violation of Laws and regulations and the harm that the capital market industry may suffer due to that violation.</p> | <p><u>Article 5 : Considération dans la détermination des sanctions</u></p> <p>Les sanctions prévues dans ce règlement prennent en considération les éléments suivants :</p> <p>(a) la catégorie et la taille de l'institution financière en question ;</p> <p>(b) le risque de l'institution finance quant au blanchiment d'argent, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive;</p> <p>(c) la gravité de la violation des lois et règlements et le préjudice que l'industrie du marché des capitaux peut subir du fait de cette violation.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 6: Ibyiciro by'ibigo by'imari</u></p> <p>(1) Muri aya mabwiriza rusange, ibigo by'imari byashyizwe mu byiciro bikurikira hashingiwe ubwoko bwabyo:</p> <p>(a) icyiciro cya 1: Banki z'Ishoramari;</p> <p>(b) icyiciro cya 2: Abacunga ishoramari/amafaranga ;</p> | <p><u>Article 6: Categories of financial institution</u></p> <p>(1) For the purpose of this regulation, financial institutions are grouped in the following categories for proportionality purpose:</p> <p>(a) Category 1: Investment Banks;</p> <p>(b) Category 2: Investment/Fund Managers;</p> | <p><u>Article 6 : Catégories d'institutions financières</u></p> <p>(1) Aux fins du présent règlement, les institutions financières sont regroupées dans les catégories suivantes aux fins de proportionnalité :</p> <p>(a) Catégorie 1 : Banques d'investissement ;</p> <p>(b) Catégorie 2 : Gestionnaires d'Investissement/de fonds ;</p> |

| | | |
|---|--|---|
| <p>(c) icyiciro cya 3: Umubitsi w'umutungo ;</p> <p>(d) icyiciro cya 4: Abahuzza bigenga mu isoko ry'imari n'imigabane ;</p> <p>(e) icyiciro cya 5: Abandi bemerewe gutanga serivisi ku isoko ry'imari n'imigabane.</p> <p>(2) Ibigo by'imari byose byavuzwe haruguru bikomeza gusobanurwa hakurikijwe amategeko n'amabwiriza abigenga.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa ikigo cy'imari</u></p> <p>Iyo ikigo cy'imari kitubahirije ibiteganywa n'amategeko, amabwiriza, imirongo ngenderwaho cyangwa ibyemezo by'Urwego rushinzwe isoko ry'imari n'imigabane cyangwa Urwego rushinzwe ubutasi ku mari ku byerekeranye no kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba no kurwanya gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi, Urwego rushinzwe isoko ry'imari n'imigabane rushobora guhana ikigo hakurikijwe kimwe cyangwa bimwe mu ibihano bikurikira hashingiwe ku buremere bw'ikosa :</p> <p>(a) gutanga ibihano byo mu rwego</p> | <p>(c) Category 3: Custodians;</p> <p>(d) Category 4: Stock Brokers;</p> <p>(e) Category 5: Other licensed capital market intermediaries.</p> <p>(2) All the above-mentioned financial institutions retain the meanings as defined in their specific laws and regulations.</p> <p><u>Article 7: Administrative sanctions against a financial institution</u></p> <p>When a financial institution violates or fails to comply with the provisions of laws, regulations, guidelines, directives or decisions of the Capital Market Authority or Financial Intelligence Centre regarding anti-money laundering, combating the financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction, the Capital Market Authority may impose one or more of the following sanctions against the institution in question depending on the gravity of violation:</p> <p>(a) Imposing financial penalties;</p> | <p>(c) Catégorie 3 : Gardiens</p> <p>(d) Catégorie 4 : Courtiers en titres ;</p> <p>(e) Catégorie 5 : Autres intermédiaires des marchés des capitaux agréés ;</p> <p>(2) Toutes les institutions financières mentionnées ci-dessus conservent les significations définies dans leurs lois et règlements spécifiques.</p> <p><u>Article 7 : Sanctions administratives à l'encontre d'une institution financière</u></p> <p>Lorsqu'une institution financière viole ou ne respecte pas les dispositions des lois, règlements, lignes directrices, directives ou décisions de l'Autorité des marchés financiers ou du Centre de renseignements financiers concernant la lutte contre le blanchiment d'argent, la lutte contre le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, l'Autorité des marchés financiers peut imposer une ou plusieurs des sanctions suivantes à l'encontre de l'institution en question en fonction de la gravité de la violation :</p> <p>(a) Imposer des sanctions financières ;</p> |
|---|--|---|

| | | |
|--|---|--|
| <p>rw'imari;</p> <p>(b) gutegeka ikigo cy'imari gukosora cyangwa kugabanya ingaruka z'ikosa;</p> <p>(c) gutegeka gusubiza cyangwa kwishyura indishyi umuntu wagizweho ingaruka n'ikosa ;</p> <p>(d) gutangaza ibyagaragaye mu mikorere mibi y'ikigo cy'imari;</p> <p>(e) guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu uburenganzira bwo gushyira ku isoko ry'imari n'imigabane ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa amasezerano ayikomokaho cyangwa icuruzwa ry'imitungo cyangwa amasezerano ayikomikaho ku isoko ry'imari n'imigabane mu rwego rwo kurengera abashoramari;</p> <p>(f) kubuzwa kugira uruhare mu bikorwa by'isoko ry'imari n'imigabane cyangwa bw'isoko ryerekeye ibicuruzwa bikomoka ku bindi ;</p> <p>(g) Kwamburwa icyemezo cyari cyatanzwe cyo kumvikana ku masezerano ashingiye ku mitungo mu</p> | <p>(b) Ordering a financial institution to remedy or mitigate the effect of the breach;</p> <p>(c) Make restitution orders or orders to pay compensation to any person aggrieved by the breach;</p> <p>(d) Publishing findings of malfeasance by any financial institution;</p> <p>(e) Suspending or canceling the listing of any securities or exchange-traded derivative contracts, or the trading of any securities or exchange-traded derivative contracts for the protection of investors;</p> <p>(f) No Intervention in the operations of a securities exchange or a derivatives exchange;</p> <p>(g) Withdraw an approval granted for the trading of an exchange-traded derivative contract;</p> | <p>(b) Ordonner à une institution financière de remédier à la violation ou d'en atténuer les effets;</p> <p>(c) Ordonner la restitution ou le versement d'une indemnité à toute personne lésée par la violation ;</p> <p>(d) Publier des constatations de malversations de la part de toute institution financière ;</p> <p>(e) Suspendre ou annuler la cotation de toute valeur mobilière ou de tout contrat dérivé négocié en bourse, ou les titres en bourse ou de tout contrat dérivé négocié en bourse, afin de protéger les investisseurs ;</p> <p>(f) Ne pas intervenir dans les opérations d'une bourse de titres ou d'une bourse de produits dérivés ;</p> <p>(g) Retirer une approbation accordée pour la négociation d'un contrat dérivé négocié en bourse;</p> |
|--|---|--|

Official Gazette n° Special of 30/03/2023

| | | |
|---|---|---|
| <p>isoko ry'imari n'imigabane ;</p> <p>(h) Kwihanangiriza mu ruhame;</p> <p>(i) Guhagarika by'agateganyo icuruzwa ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane by'isosiyete yemerewe gushyirwa ku isoko ry'imari n'imigabane mu gihe cyagenwe;</p> <p>(j) Kubuza by'agateganyo ikigo cy'imari cyahawe uruhushya rwo gukora gucuruza mu gihe cyagenwe;</p> <p>(k) Gukumira ikoreshwa ry'uruhushya rwo gukora mu bihe byagenwe;</p> <p>(l) Kugaruza ku kigo cy'imari amafaranga angana n'inshuro ebyiri ayo icyo kigo cyungutse kubera ikosa yakoze;</p> <p>(m)Guhagarika uruhushya rwo gukora;</p> <p>(n) Gutegeka ikigo cy'imari cyahawe uruhushya rwo gukora cyangwa wemewe gufatira ibihano umukozi;</p> <p>(o) Gukura ku rutonde rw'abakozi mu gihe umukozi w'ikigo cy'imari gifite</p> | <p>(h) A public reprimand;</p> <p>(i) Suspension in the trading of a listed company's securities for a specified period;</p> <p>(j) Suspension of a licensed financial institution from trading for a specified period;</p> <p>(k) Restriction on the use of a license;</p> <p>(l) Recovery from a financial institution of an amount equivalent to two times the amount of the benefit accruing to such institution by virtue of the breach;</p> <p>(m)Revocation of the license;</p> <p>(n) Requiring the licensed or approved person to take disciplinary action against the employee;</p> <p>(o) Disqualification of an employee of a licensed listed or approved person from</p> | <p>(h) Réprimande publique ;</p> <p>(i) Suspension de la négociation des titres d'une société cotée pour une période déterminée ;</p> <p>(j) Suspension de la négociation d'une institution financière autorisée pour une période déterminée ;</p> <p>(k) Restriction de l'utilisation d'une licence ;</p> <p>(l) Recouvrement auprès d'une institution financière d'un montant équivalent à deux fois le montant de l'avantage dont bénéficie cette institution en raison de la violation ;</p> <p>(m)Révocation de la licence ;</p> <p>(n) Obligation pour la personne agréée ou autorisée de prendre des mesures disciplinaires à l'encontre de l'employé ;</p> <p>(o) Disqualification d'un employé d'une personne agréée ou inscrite sur la liste de</p> |
|---|---|---|

| | | |
|--|---|---|
| <p>uruhushya rwo gukora cyangwa cyemewe;</p> <p>(p) Gukura umuyobozi mu mwanya yashyizwemo nk'umuyobozi mu isosiyete yemerewe kugurisha imigabane ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa umuntu wahawe uruhushya cyangwa wemewe harimo n'isoko ry'imari n'imigabane.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Ibihano bihabwa abagize Inama y'ubutegetsi n'Abayobozi bakuru</u></p> <p>Iyo CMA rusanze umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Imari atarubahirije ibiteganywa n'Itegeko rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi, amabwiriza rusange, amabwiriza cyangwa imirongo ngenderwaho bishyira mu bikorwa ingamba zo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi, cyangwa ibyemezo bya CMA muri urwo rwego, rushobora kumuhanisha kimwe mu bihano bikurikira, hashingiwe ku buremere bw'ikosa yakozwe:</p> <p>(a) Kwihanangirizwa mu nyandiko;</p> | <p>employment in any capacity for a specified period;</p> <p>(p) Disqualification of a director from appointment as a director of a listed company or licensed or approved person including, a securities exchange.</p> <p><u>Article 8: Sanctions against members of the Board of Directors and Senior Managers</u></p> <p>If the CMA finds that a member of the board of directors or a senior manager of a financial institution has violated the provisions of the Law on prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction, the regulation, directives or guidelines implementing measures to combat money laundering, the financing of terrorism, the proliferation of weapons of mass destruction, or the decisions of the CMA in the subject matter, it may impose to him or her one of the following sanctions, taking into account the gravity of the violation committed:</p> <p>(a) written warning;</p> | <p>l'emploi à quelque titre que ce soit pendant une période déterminée ;</p> <p>(p) Disqualification d'un directeur de sa nomination en tant que directeur d'une société cotée ou d'une personne autorisée ou agréée, y compris une bourse de valeurs.</p> <p><u>Article 8 : Sanctions contre les membres du conseil d'administration et les cadres supérieurs</u></p> <p>Si le CMA constate qu'un membre du conseil d'administration ou un dirigeant d'une institution financière a violé les dispositions de la loi relative à la prévention et à la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive, les règlements, directives ou lignes directrices mettant en œuvre des mesures de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme, la prolifération des armes de destruction massive, ou les décisions du CMA en la matière, elle peut lui infliger l'une des sanctions suivantes, en tenant compte de la gravité de la violation commise :</p> <p>(a) avertissement écrit ;</p> |
|--|---|---|

| | | |
|---|---|--|
| <p>(b) Guhagarikwa by'agateganyo;</p> <p>(c) Gusezererwa.</p> | <p>(b) suspension;</p> <p>(c) dismissal.</p> | <p>(b) la suspension ;</p> <p>(c) la révocation.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 9: Kugaragaza amakosa</u></p> | <p><u>Article 9: Disclosure of violations</u></p> | <p><u>Article 9 : Divulgateion des violations</u></p> |
| <p>(1) Mu gihe umwe mu bagize Inama y'ubutegetsi, umwe mu bagize ubuyobozi bukuru amenye ko Itegeko rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi, cyangwa amabwiriza rusange, amabwiriza cyangwa imirongo ngenderwaho birishyira mu bikorwa bitubahirijwe, agomba guhita abimenyesha CMA.</p> | <p>(1) In case members of the Board of Directors, a member of senior management who is aware of any violation of the Law on prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction, its implementing regulations, directives or guidelines must immediately disclose the violation to the CMA.</p> | <p>(1) Dans le cas où un membre du Conseil d'Administration, un membre de la direction générale qui a connaissance d'une violation de la loi relative à la prévention et à la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive, de ses règlements d'application, de ses directives ou de ses lignes directrices doit immédiatement révéler cette violation à la CMA.</p> |
| <p>(2) Iyo CMA isanze umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa Ubuyobozi bukuru ataramenyeshije cyangwa yarirengagije kumenyesha Urwego ikosa cyangwa ikindi gikorwa cy'ingenzi cyagombaga kumenyekanishwa, CMA imuhanisha kimwe mu bihano bivugwa mu ngingo ya 7 y'aya mabwiriza rusange.</p> | <p>(2) If the CMA finds out that a member of the Board of Directors, a member of the senior management omitted or neglected to disclose to the Authority of any violation or any other material act required to be disclosed, the CMA imposes against him or her one of the sanctions provided in article 7 of this regulation.</p> | <p>(2) Si la CMA constate qu'un membre du Conseil d'Administration, un membre de la direction générale a omis ou négligé de déclarer à l'Autorité une infraction ou tout autre fait matériel dont la déclaration est obligatoire, la CMA lui inflige l'une des sanctions prévues à l'article 7 du présent règlement.</p> |
| <p>(3) CMA ishobora no gutanzgaza amakosa yakozwe n'ibigo by'imari n'ibihano byatanzwe rwifashishije urubuga rwarwo rwa murandasi.</p> | <p>(3) The CMA may also disclose the violations committed by financial institutions and the imposed sanctions through publication on its official website.</p> | <p>(3) Le CMA peut également divulguer les violations commises par les institutions financières et les sanctions imposées par le biais d'une publication sur son site officiel.</p> |

| | | |
|---|---|--|
| <p><u>Ingingo ya 10: Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi</u></p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 6 n'ya 7 z'aya mabwiriza rusange, iyo ikigo cy'imari kitubahirije ibisabwa mu mategeko n'amabwiriza rusange byavuzwe haruguru, CMA igihanisha ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ivugwa mu mugereka w'aya mabwiriza rusange.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Kujuririra igihano</u></p> <p>(1) Ikigo cy'imari gishobora kujuririra CMA ku byerekeye ihazabu cyangwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi cyahawe mu gihe kitarenze iminsi 14 y'akazi ibarwa uherye ku munsu cyakiriye ibaruwa imumenyesha igihano.</p> <p>(2) Ikigo cy'imari kitanyuzwe n'icyemezo cya CMA ku bujurire bwacyo gishobora kugeza ikibazo cyayo ku Kanama k'ubujurire kigenga ku byerekeye isoko ry'imari n'imigabane nk'uko biteganywa mu Itegeko N°01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda.</p> | <p><u>Article 10: Administrative fines</u></p> <p>Without prejudice to the provisions of Article 6 and 7 of this regulation, where a financial institution is in violation with the requirements provided in laws and regulations stated above, the CMA imposes to it administrative fines specified in the appendix attached to this regulation.</p> <p><u>Article 11: Appeal against a sanction</u></p> <p>(1) A financial institution may appeal to the CMA on administrative fines and/or administrative sanctions imposed to it within 14 working days counted from the date of receipt of the letter communicating the sanction.</p> <p>(2) A financial institution who is aggrieved by the CMA decision on the appeal may refer the matter to the Capital Markets Independent Review Panel as prescribed under the Law N° 01/2011 of 10/02/2011 regulating Capital Market in Rwanda.</p> | <p><u>Article 10 : Amendes administratives</u></p> <p>Sans préjudice des dispositions des articles 6 et 7 du présent règlement, lorsqu'une institution financière est en infraction avec les exigences prévues par les lois et règlements énoncés ci-dessus, le CMA lui impose des amendes administratives précisées dans l'annexe jointe au présent règlement.</p> <p><u>Article 11 : Recours contre une sanction</u></p> <p>(1) L'institution financière peut faire appel auprès du CMA des amendes administratives et/ou des sanctions administratives qui lui sont infligées dans un délai de 14 jours ouvrables à compter de la date de réception de la lettre de communication de la sanction.</p> <p>(2) Une institution financière qui est lésé par la décision de la CMA sur le recours peut saisir le Comité Indépendant d'Inspection des Marchés de Capitaux tel que prescrit par la Loi N° 01/2011 du 10/02/2011 régissant le Marché des Capitaux au Rwanda.</p> |
|---|---|--|

| | | |
|---|---|---|
| <p><u>Ingingo ya 12: Kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi</u></p> <p>(1) Ikigo cy'imari cyishyura ku bushake ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi kuri konti ya CMA.</p> <p>(2) Iyo ikigo cy'imari kitishyuye ku bushake, ihazabu yishyurizwa CMA binyuze mu ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko n'amabwiriza biriho.</p> | <p><u>Article 12: Recovery of the administrative fine</u></p> <p>(1) A financial institution pays the administrative fines to the CMA bank account voluntarily.</p> <p>(2) If a financial institution does not pay voluntarily, the fine is recovered in the favor of the CMA through application of relevant legal and regulatory framework in place.</p> | <p><u>Article 12 : Recouvrement de l'amende administrative</u></p> <p>(1) Une institution financière paie volontairement les amendes administratives sur le compte bancaire du CMA.</p> <p>(2) Si une institution financière ne paie pas volontairement, l'amende est recouvrée en faveur du CMA par l'application du cadre légal et réglementaire en place.</p> |
| <p><u>UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA</u></p> | <p><u>CHAPTER III: FINAL PROVISIONS</u></p> | <p><u>CHAPITRE III : DISPOSITIONS FINALES</u></p> |
| <p><u>Ingingo ya 13: Ingingo ivanaho</u></p> <p>Ingingo zose z'amabwiriza rusange abanziriza aya Mabwiriza Rusange kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.</p> | <p><u>Article 13: Repealing provision</u></p> <p>All prior regulatory provisions contrary to these Regulations are hereby repealed.</p> | <p><u>Article 13 : Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent règlement sont abrogées.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 14: Ingingo y'ururimi</u></p> <p>Aya mabwiriza rusange yateguwe, asuzumwa kandi yemezwa mu rurimi rw'Icyongereza.</p> | <p><u>Article 14: Language provision</u></p> <p>This regulation was prepared, considered and approved in English.</p> | <p><u>Article 14 : Disposition linguistique</u></p> <p>Le présent règlement a été initié, examiné et approuvé en anglais.</p> |
| <p><u>Ingingo ya 15: Gutangira gukurikizwa</u></p> <p>Aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa ku muni atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> | <p><u>Article 15: Entry into force</u></p> <p>This Regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> | <p><u>Article 15 : Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent règlement entre en vigueur à la date de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> |

Kigali, 29/03/2023

(Sé)

BUNDUGU Eric

Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo w'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane
Ag. Chief Executif Officer of Capital Market Authority of Rwanda
Directeur Général a.i de l'Autorité des Marchés de Capitaux du Rwanda

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(Sé)

Dr. UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA W'AMABWIRIZA RUSANGE N° 001/CMA/2023 YO KU WA 29/03/2023 AGENA IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI BIHABWA IKIGO CY'IMARI KITUBAHIRIZA IBISABWA MU GUKUMIRA NO GUHANA IYEZANDONKE, GUTERA INKUNGA ITERABWOBA NO GUTERA INKUNGA IKWIRAKWIZA RY'INTWARO ZA KIRIMBUZI

I. IMIYOBORERE Y'IKIGO N'URUHARE RW'INAMA Y'UBUTEGETSI/UBUYOBOZI

| No | Ikosa | Icyiciro cya 1 | Icyiciro cya 2 | Icyiciro cya 3 | Icyiciro cya 4 | Icyiciro cya 5 |
|----|--|----------------|----------------|----------------|----------------|----------------|
| 1 | Kudashyiraho no kutemeza gahunda yanditse yo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, igaragaza neza politiki n'imikorere by'ikigo. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |
| 2 | Kutavugurura/kudahuza n'igihe politiki n'imikorere byo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, nibura buri myaka itatu. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |
| 3 | Kutamenyeshya abakozi gahunda y'ikigo yo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |
| 4 | Kuba Inama y'Ubutegetsi cyangwa Komite yayo itagenzura kandi ntishyire mu bikorwa gahunda yo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |
| 5 | Kuba Inama y'Ubutegetsi idasuzuma raporo yakira ku bibazo birebana no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi kandi ntizitangeho ibitekerezo ngo ibihe Ubuyobozi Bukuru. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |

Official Gazette n° Special of 30/03/2023

| | | | | | | |
|---|--|---------------|---------------|---------------|---------------|---------------|
| 6 | Kuba umukozi ubishinzwe adaha Inama y'Ubutegesi cyangwa Komite yayo bireba raporo ngarukagihe zirebana no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwano za kirimbuze. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |
| 7 | Kutagira amategeko ngengamyitwarire/ mbonezamuco arimo ko abakozi bagomba kubahiriza ibisabwa mu rwego rw'imyifatire yo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwano za kirimbuze. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |
| 8 | Kutagira uburyo bwo gutanga amakuru bufasha mu kugenzura, gusesengura no gukora raporo ku bikorwa bikemangwa. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |

II. IMICUNGIRE Y'INGORANE ZISHOBORA KUBAHO

| No | Ikosa | Icyiciro cya 1 | Icyiciro cya 2 | Icyiciro cya 3 | Icyiciro cya 4 | Icyiciro cya 5 |
|----|---|----------------|----------------|----------------|----------------|----------------|
| 1 | Kwiringagiza muri gahunda yo gucunga ingorane ko hashobora kubaho iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |
| 2 | Kudasuzuma ingorane zishobora kubaho z'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ku byerekeye: (i) abakiriya (ii) ibihugu cyangwa uturere ikigo gikorera; (iii) ibicuruzwa cyangwa serivisi; (iv) ibikorwa byacyo by'ubucuruzi; hamwe na (v) imiyoboro yacyo yo gutanga ibicuruzwa na serivisi. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |
| 3 | Kudashyira mu byiciro ingorane zishobora kuba mu kigo mu rwego rw'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi. Kudashyiraho imirongo ngenderwaho yo gusuzuma ingorane zishobora kubaho n'iyo gukora umwirondoro w'abakiriya muri gahunda yemejwe n'Inama y'Ubutegetsi y'ikigo yo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi. Kudasuzuma ingorane buri konti yahura na zo no kutagaragaza umwirondoro wa buri konti. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |

Official Gazette n° Special of 30/03/2023

| | | | | | | |
|---|---|---------------|---------------|---------------|---------------|---------------|
| 4 | Kutagira politiki irebana no kubuza konti zifite ba nyirazo barangwa n'imibare gusa cyangwa batazwi, konti zifite amazina ya baringa, no kubuza umubano na sosiyete za baringa. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |
| 5 | Kutagira uburyo bwo kugenzura urutonde rw'abantu bagaragara mu rwego rwa politiki (PEP), urutonde rw'abantu/ibigo byafatiwe ibihano n'Umuryango w'Abibumbye n'urutonde rukorwa n'ikigo ubwacyo rw'abakiriya bashobora guteza ingorane zikomeye. | 5.000.000 FRW | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 1.000.000 FRW |
| 6 | Kuba Inama y'Ubutegetsu n'Ubuyobozi butarasuzumye bunakore inyandiko zerekeranye n'ingorane zishobora kubaho mu rwego rwo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwari za kirimbuzi mu rwego rwa kwemeza kwagura ubucuruzi mu gihugu cyangwa mu mahanga no gutangiza ibicuruzwa bishya na serivisi nshya. | 4.000.000 FRW | 3.000.000 FRW | 2.000.000 FRW | 1.000.000 FRW | 500.000 FRW |

III. POLITIKI N’IMIKORERE MU RWEGO RWO KUMENYA NEZA UMUKIRIYA (CDD)

| No | Ikosa | Icyiciro cya 1 | Icyiciro cya 2 | Icyiciro cya 3 | Icyiciro cya 4 | Icyiciro cya 5 |
|----|--|----------------|----------------|----------------|----------------|----------------|
